**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**Kigali, 14/10/2022**
**Nº 0954/07.01**

**MINISITERI Y'UBUTEGETSI BW'IGIHUGU**
**P.O BOX 3445 KIGALI**
**Website: www.minaloc.gov.rw**

**Bwana Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali**
**Madamu/Bwana Guverineri w'Intara**
**Madamu/Bwana Umuyobozi w'Akarere**

**Impamvu: Uruhare rw'umuturage mu igenamigambi ry'umwaka wa 2023/24**

Madamu/Bwana Guverineri,
Madamu/Bwana Muyobozi,

Mu rwego rwo gushimangira politiki y'Igihugu yo kwegereza ubuyobozi n'ubushobozi abaturage no kwimakaza uruhare rwabo mu bibakorerwa;

Nshingiwe ku Mabwiriza ya Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi No:0478/10/2022-23/MOSEP yo kuwa 27/09/2022 agena uburyo bwo gutegura igenamigambi n'ingengo y'imari by'umwaka wa 2023/24 mu nzego za Leta;

Nkohereje, ku mugereka, amabwiriza azayobora igikorwa cyo kwegera abaturage mu rwego rwo kubagaragariza uko ibyifuzo byabo ku igenamigambi rya 2022/23 byashyizwe mu bikorwa, ibikorwa byabonewe ingengo y'imari n'ibyasigaye kugira ngo bashobore kwemeza ibizibandwaho mu igenamigambi rya 2023/2024.

Murasabwa kuzayobora iki gikorwa neza kandi mugatanga raporo y'uko bizagenda hubahirijwe ingengabihe iri mu mabwiriza.

Mugire amahoro

**GATABAZI Jean Marie Vianney**
**Minisitiri**

**Bimenyeshejwe:**

- Bwana Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi;
- Madamu Umunyamabanga wa Leta ushinzwe Imibereho Myiza;
- Madamu Umunyamabanga wa Leta ushinzwe Igenamigambi/MINECOFIN;

**KIGALI**.

# REPUBULIKA Y'U RWANDA

## MINISITERI Y'UBUTEGETSI BW'IGIHUGU

# UKWEZI KWAHARIWE URUHARE RW'UMUTURAGE MU IGENAMIGAMBI, INGENGO Y'IMARI N'IMIHIGO UMWAKA WA 2022/23/24

**UKWAKIRA 2022**

## 1. INTANGIRIRO

Leta y'U Rwanda yahisemo imiyoborere ishyira umuturage ku isonga mu rwego rwo kugera ku iterambere rirambye himakazwa ihame ry'uko abanyarwanda bakomeza kugira ijambo n'uruhare mu bibakorerwa. Gahunda ya Guverinoma y'imyaka 7 igamije kwihutisha iterambere (NST1) iteganya ko ikigero cy'uko umuturage w'u Rwanda yishimira uruhare agira mu bimukorerwa mu gufata ibyemezo kigera kuri 90% mu mwaka w'ingengo y'imari 2023/24. Ibi kandi bishimangirwa na *Strategic Plan* y'imiyoborere no kweregereza abaturage ubuyobozi n'ubushobozi 2018/19-2023/24 (Governance and Decentralization Sector Strategic Plan) iteganya ko abaturage bazaba bishimira uruhare mu igenamigambi n'itegurwa ry'ingengo y'imari ku kigero cya 90% bivuye kuri 78.4% muri 2020 (CRC 2020).

Gutegura igenamigambi ry'umwaka wa 2023/24 bije mu gihe U Rwanda rugeze ku musozo wa gahunda ya Guverinoma y'imyaka 7 (NST1) ndetse igihugu kigihanganye n'ingaruka z'ibibazo bitandukanye birimo icyorezo cya covid-19, ihindagurika ry'ikirere, izamuka ry'ibiciro rikomoka ku ntambara ziri hirya no hino ku isi n'ibindi.

Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu ifatanyije n'inzego z'imitegekere y'igihugu zegerejwe abaturage n'abandi bafatanyabikorwa bayo yateguye igikorwa cyo kwegera abaturage mu rwego rwo kubagaragariza uko ibyifuzo byabo mu igenamigambi rya 2022/23 byashyizwe mu bikorwa, ibikorwa byabonewe ingengo y'imari n'ibyasigaye kugira ngo bashobore kwemeza ibizibandwaho mu igenamigambi rya 2023/2024. Iki gikorwa kikaba giteganyijwe mu **kwezi k'Ukwakira 2022** mu Karere ka **NYARUGENGE** ariko guha abaturage amakuru bikazakomeza mu bihe bitandukanye binyuze mu nzego zihagarariye abaturage.

## 2. IBIZIBANDWAHO

Uyu mwaka igikorwa cyo kuzamura uruhare abaturage bagira mu igenamigambi, Ingengo y'imari ndetse n'Imihigo kizibanda ku kugaragariza abaturage aho ibyari biteganyijwe muri Gahunda Mbaturabukungu y'Imyaka Irindwi (NST1) ndetse na Gahunda z'Iterambere z'Uturere n'Umujyi wa Kigali (DDS/IDS) zigeze zishyirwa mu bikorwa, ibyagezweho, inzitizi zabayeho ndetse n'ibisigaye.

Aha kandi abaturage bazagaragarizwa uko Imihigo n'ingengo y'imari by'umwaka wa 2022/23 byateguwe ndetse n'aho bigeze bishyirwa mu bikorwa hibandwa ku bitekerezo bari batanze n'uko byitaweho. Abaturage kandi bazagaragarizwa ibikubiye mu ngengo y'imari y'Akarere/Umujyi wa Kigali ndetse banasobanuze ku byo bifuza kumenyaho. Iki gikorwa kizibanda:

- Gusobanura byimbitse imitegurire y'ingengo y'imari, Imihigo n'igenamigambi muri rusange;
- Inzitizi zagaragaye mu ishyirwa mu bikorwa rya gahunda z'igihe kirambye harimo ingaruka za covid-19, Indwara y'Ubuganga mu matungo na gahunda yo guhangana na zo, intambara n'ibiza biba hirya no hino ku isi bikagira ingaruka ku bukungu bw'igihugu;
- Kugaragariza abaturage ibitekerezo batanze muri 2022/23 no kubasobanurira uko byitaweho bitagarukiye ku gace gato, ahubwo harebwa akarere muri rusange. Aho ibitekerezo bitarashyirwa mu bikorwa abaturage bagasobanurirwa impamvu ariko

bakanizezwa ko Gahunda Mbaturabukungu nshya izategurwa ndetse na gahunda z'iterambere z'Uturere zizabizirikana;

- Kugaragariza abaturage ibyo bagizemo uruhare binyuze mu muganda, kuremera, ... no gukomeza kubashishikariza kugira uruhare mu ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo ndetse no kunganira ingengo y'imari y'akarere. Ni umwanya wo kubashishikariza gahunda nziza zirimo izo kurwanya isuri, kwizigamira (Ejo Heza, ...), Ubwisungane mu kwivuza, umushinga ubyara inyungu kuri buri mudugudu, isuku n'isukura.

## 3. UKO IGIKORWA GITEGANYIJWE

Igikorwa cyo gukusanya ibitekerezo by'abaturage giteganyijwe kubera ku **rwego rw'Umudugudu** mu gihugu hose ku buryo bukurikira:

- Akarere kazategura umudugudu gatangirizamo iki gikorwa ku mugarargaro ndetse kanakurikirane ko iki gikorwa kiba mu midugudu yose ikagize;
- Igikorwa kizabera mu nteko rusange y'umudugudu;
- Akarere kazategura incamake y'ibigize ingengo y'imari 2022/23, kazegeranya ibitekerezo byatanzwe n'abaturage mu mwaka wa 2022/23 nk'uko byashyizwe muri MEIS-LODA bigaragazwe kugeza ku rwego rw'Akagari (disaggregated by cell) babishyikirize Umurenge;
- Urwego rw'Umurenge rufatanyije n'Akarere bazategura uburyo bohereza intumwa mu midugudu yose (deployment) mu gihe cy'uku kwezi;
- Akarere kazita ku kuba ibyiciro byihariye birimo Inama y'Igihugu y'Abagore, urubyiruko, abana, abafite ubumuga, urugaga rw'abikorera n'abandi bahabwa uruhare rugaragara muri iki gikorwa.

## 4. ABAZAGIRA URUHARE MU GIKORWA

Iki gikorwa kizagirwamo uruhare n'Abayobozi mu nzego z'ibanze ndetse n'abaturage bagize umudugudu. Ibyiciro byihariye bizahabwa umwanya muri iki gikorwa kizibanda ku kugaragariza abaturage aho tugeze dushyira mu bikorwa ibyateganyijwe muri gahunda z'igihe kirekire ndetse n'umwaka wa 2022/23, bizakorwa n'inzego za Leta zikurikira:

- Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'abafatanyabikorwa bayo;
- Intara n'Umujyi wa Kigali;
- Ubuyobozi bw'Akarere (n'abafatanyabikorwa bako), umurenge, akagari n'amudugudu;
- Ibyiciro byihariye: Inama y'igihugu y'Abagore, urubyiruko, abana, abafite ubumuga, abikorera;
- Itangazamakuru.

## 5. IBIKUBIYE MU BUTUMWA BUZATANGWA

Ubutumwa buzatangwa muri iki gikorwa kuba bukubiyemo nibura ibi bikurikira:

- Kwibuka gushimira abaturage uruhare bagira binyuze mu muganda, Imihigo y'umuryango n'Inzego ziri munsi y'Akarere n'ibindi harebwa ibyagezweho mu gace inama yabereyemo;
- Kwibutsa ibikubiye muri Gahunda Mbaturabukungu (NST1), gahunda z'iterambere z'akarere/Umujyi wa Kigali;

- Gusobanurira no kumenyekanisha Icyerekezo 2050 n'ibigikubiyemo mu mvugo yoroheye umuturage;
- Kugaragariza abaturage zimwe mu nzitizi zagiye zituma ibyari biteganyijwe bitagerwaho uko bikwiye (gusaranganya amikoro, ingaruka za covid-19 n'uko Igihugu gihangaye na zo, intambara ziri hirya ku isi n'uko zigira ingaruka ku bukungu);
- Ingengo y'imari y'akarere n'ibikorwa binini biri mu mihigo 2022/23;
- Gusoma no kugaragariza abaturage incamake y'ibitekerezo batanze mu igenamigambi rya 2022/23 n'uko byitaweho, hagasobanurwa hagendewe kuri lisiti yabyo mu mudugudu no kubasobanurira ko bigiye guherwaho muri 2023/2024;
- Kugaruka kuri gahunda zirimo kurwanya isuri, kwizigamira (Ejo Heza), ibibazo bibangamiye umudendezo w'abaturage, Ubwisungane mu kwivuza, umushinga ubyara inyungu kuri buri mudugudu, isuku n'isukura, n'ibindi.

## 6. IGIHE IGIKORWA KIZABERA

Mu rwego rwo gutegura igenamigambi rishingiye ku byifuzo by'abaturage, hashingiwe ku ngengabihe ikubiye mu mabwiriza yo gutegura igenamigambi rya 2023/2024 yatanzwe na Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi, igikorwa cyahariwe uruhare rw'umuturage kizatangira kuwa **17 Ukwakira gisozwe kuwa 10 Ugushyingo 2022**. Umujyi wa Kigali n'Intara zirasabwa kugaragaza igikorwa kizatangirizwa

## 7. KUMENYEKANISHA IGIKORWA

Akarere kazamenyekanisha iki gikorwa binyuze ku ma radiyo yumvikana ndetse n'imbuga nkoranyambaga zako. Abakozi bashinzwe itumanaho n'imenyekanishamakuru ku rwego rw'Akarere bazakorana n'abashinzwe igenamigambi hategurwa ubutumwa.

## 8. UMUSOZO

Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu irakangurira inzego z'ibanze n'abafatanyabikorwa bazo kugira uruhare muri uku kwezi kwahariwe uruhare rw'umuturage mu igenamigambi, ingengo y'imari n'imihigo.

Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu, Intara n'Umujyi wa Kigali bazakurikirana imigendekere y'iki gikorwa mu gihugu hose.

Bikorewe i Kigali, kuwa 14/10/2022

MINISITERI Y'UBUTEGETSI BW'IGIHUGU
REPUBULIKA Y'U RWANDA

**GATABAZI Jean Marie Vianney**
**Minisitiri**